WORKFORCE DEVELOPMENT AUTHORITY – WDA

Empowering people with employable skills and entrepreneurship capacity

P. O. BOX 2707
Tel: (+250) 255113365
E-mail: wda@wda.gov.rw
Website: www.wda.gov.rw

ITANGAZO

Ikigo cy'igihugu gishinzwe guteza imbere Imyuga n'Ubumenyingiro (WDA) kiramenyesha abifuza kwiyandikisha nk'abakandida bigenga bifuza kuzakora ikizamini cya Leta mu masomo y'imyuga muri uyu mwaka w'amashuri wa 2017, ko igikorwa cyo kwiyandikisha kiri gukorwa mu buryo bw'ikoranabuhanga (online application) ku rubuga rwa WDA arirwo: www.wda.gov.rw cyongerewe igihe kuva tariki ya 01/7/2017 kugeza tariki ya 09/07/2017.

Uwiyandikisha agomba kuba afite ibi bikurikira:

1. Email ye kandi ikora ;
2. Urupapuro yishyuriyeho amafaranga ibihumbi cumi na bitanu (15,000 Frw) kuri konti ya IPRC Kigali N° 0044384405 iri muri Banki ya Kigali (B.K)
3. Indangamuntu (ID) cyangwa Pasiporo ;
4. Ifoto ngufi ;
5. Ibyangombwa bigaragaza amashuri yize , amahugurwa yabonye cyangwa uburambe afite mu kazi bijyanye n'ishami yifuza kwiyandikishamo..

Icyitonderwa:

- Abazemererwa kuzakora Ikizamini nk'abakandida bigenga bazahabwa numero ibaranga , banamenyeshwe aho bazakorera ibizamini binyuze kuri Email zabo bazaba batanze.
- Amafaranga yishyuwe ntasubizwa mu gihe hari utemerewe kuzakora Ikizamini
- Ibindi bisobanuro birambuye n'ibyo umuntu agomba kuba yujuje ngo yemererwe kuzakora Ikizamini muzabisanga ku mabwiriza ari ku rubuga rwa WDA.
- **Nyuma y'itariki ya 09/07/2017 nta mukandida uzaba agifite amahirwe yo kwiyandikisha kuko urubuga ruzafunga.**

Bikorewe i Kigali kuwa [illegible]/07/2017

GASANA Jerome
Umuyobozi Mukuru wa WDA.